**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUTSIRO**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka guha akazi abantu cumi na batanu (15) mu rwego rushinzwe kunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO). Ababikeneye bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwanda;
2. Kuba adafite hasi y'imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje 35;
3. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
4. Kuba afite impamyabushobozi nibura y'imyaka 3 y'amashuri yisumbuye;
   **NB:** Uwarangije amashuri 3 yisumbuye agomba kuba afite uburambe nibura bw'imyaka ibiri (2) mu bijyanye no gucunga umutekano;
5. Kuba afite amagara mazima n'intege zibashije umurimo wa DASSO;
6. Kuba atarirukanwe burundu mu kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka mu murimo uwo ariwo wose wa Leta.

Inyandiko zisaba akazi zigomba kuba zigizwe na:

1. Ibaruwa isaba akazi ku mwanya wa **DASSO Level I** yandikiwe Umuyobozi w'Akarere;
2. Fotokopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo (passport);
3. Icyemezo cy'amashuri yize (certificate);
4. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (ku bigeze kuzikoramo);
5. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gisinyweho n'Ubuyobozi bw'Umudugudu n'Akagari.

Izo nyandiko zose zigomba ku ba zagejejwe mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Rutsiro bitarenze ku wa **kane tariki ya 06/10/2022** saa kumi n'imwe (17:00PM).

Bikorewe i Rutsiro, ku wa 28/09/2022

AKARERE KA RUTSIRO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MUREKATETE Triphose**
Umuyobozi w'Akarere ka **RUTSIRO**